If a party's manifestation of assent is induced by misrepresentation by the other party, the aggrieved party may request that the contract be void.

Section 3: Contract made under duress or undue influence

Article 55: Contracts made under duress

If conduct that appears to be a manifestation of assent of a party is compelled by duress, the

Article 52: Représentation inexacte des faits incitant l'autre partie à consentir

Une représentation inexacte des faits est une pratique trompeuse pour l'autre partie si elle contribue de façon substantielle à sa décision de manifester son consentement.

Article 53: Représentation inexacte des faits entraînant la non formation du contrat

Si une représentation inexacte des faits sur le type ou les clauses essentielles d'un contrat débouche à un comportement qui apparaît comme une manifestation de consentement par l'autre partie, ce comportement n'est pas considéré comme manifestation de consentement.

Article 54: Contrat annulable suite à une représentation inexacte des faits

Si la manifestation de consentement d'une partie résulte d'une représentation inexacte des faits par l'autre partie, la partie lésée peut demander l'annulation du contrat.

Section 3: Contrats faits par contrainte ou crainte révérentielle

Article 55: Contrats faits par contrainte

Lorsque le comportement qui semble être une manifestation de consentement d'une partie a été

rwashyizweho ntifatwa nk'igaragaza ukwiyemerera k'urwo ruhande.

Ingingo ya 56: Kwemera amasezerano biturutse ku guterwa ubwoba

Iyo amasezerano yakozwe bitewe no gufatwa nabi, guhohoterwa cyangwa gutotezwa n'ubundi buryo bwo gutera ubwoba bikozwe na rumwe mu mpande zikorana amasezerano ku buryo nta bwinyagamburiro busigaye, urundi ruhande rubangamiwe rushobora gusaba gutesha agaciro ayo masezerano.

Iyo amasezerano akozwe bitewe no gufatwa nabi, guhohoterwa, gutotezwa n'irindi terabwoba bikozwe n'undi muntu utarebwa n'ayo masezerano, uruhande rwahohotewe rushobora gusaba gutesha agaciro ayo masezerano, keretse iyo urundi ruhande mu zagiranye amasezerano, nta buriganya rufite kandi rutaramenye iterabwoba ryabaye, rwemeye gukosora ibyabaye.

Ingingo ya 57: Igitinyiro gikabije gishobora gusesa amasezerano

Iyo ukwiyemerera kwatewe n'igitinyiro gikabije cy'urundi ruhande, uruhande rwarenganye rushobora gusaba gutesha agaciro ayo masezerano.

Byitwa ko habaye igitinyiro gikabije iyo uruhande rumwe rwakoze amasezerano kubera isano rufitanye n'urundi ruhande cyangwa icyizere cy'uko urwo ruhande bagiranye amasezerano rudashobora kurugirira nabi.

conduct is not effective as a manifestation of assent.

Article 56: Consent under threat

If the formation of the contract is induced by ill-treatment, violence and other type of threat by the other party which leaves the victim with no reasonable alternative, the injured party may request that the contract be void.

If the formation of the contract is induced by ill-treatment, violence and other type of threat by another person who is not a party to the contract, the aggrieved party may request that the contract be void unless the other party to the contract in good faith and without reason to know of the duress, agrees on correcting mistakes.

Article 57: Contract liable to annulment due to undue influence

If a party's manifestation of assent is induced by undue influence by the other party, the aggrieved party may request that the contract be void.

Undue influence is referred to when a party's manifestation of assent is due to the relationship between both parties or assuming that the other party may not act in a manner causing a prejudice to him/her.

forcé suite à une contrainte, ce comportement n'est pas valable en tant que manifestation de consentement.

Article 56: Consentement sous menace

Si la formation du contrat résulte de mauvais traitement, violence et toute autre forme de menace de l'autre partie qui ne laisse à la victime aucune autre alternative, la partie lésée peut demander l'annulation du contrat.

Si la formation du contrat résulte de mauvais traitement, violence et toute autre forme de menace par une personne qui n'est pas partie au contrat, la partie lésée peut demander l'annulation du contrat sauf si l'autre partie au contrat, en toute bonne foi et sans aucune raison de connaître la contrainte, accepte de remédier à la situation.

Article 57: Contrat annulable suite à une crainte révérentielle

Si la manifestation de consentement est due à une crainte révérentielle de l'autre partie, la partie lésée peut demander l'annulation du contrat.

Il y a crainte révérentielle si la manifestation de consentement d'une partie est due aux relations entre les deux parties ou si une partie a des raisons de croire que l'autre partie ne peut pas agir de façon pouvant lui causer un préjudice.

Iyo amasezerano akozwe bitewe n'umuntu utarebwa n'amasezerano ukoresheje igitinyiro gikabije, uruhande rwarenganye rushobora gusaba gutesha agaciro ayo masezerano, keretse urundi ruhande mu zagiranye amasezerano, nta buriganya rwakoresheje kandi rutaramenye ibyabaye, rwemeye kubikosora.

Icyiciro cya 4: Kutarangiza amasezerano bitewe n'impamvu ndemyagihugu

Ingingo ya 58: Kutubahiriza ingingo y'amasezerano bitewe n'impamvu ndemyagihugu

Isezzeranya cyangwa indi ngingo y'amasezerano, ntibirangizwa kubera impamvu ndemyagihugu niba itegeko ritaganyaga ko bidashobora kurangizwa cyangwa ukurikije uko ibintu bimeze, kubahiriza umutekano rusange bisumba kure inyungu zo kurangiza amasezerano.

Ingingo ya 59: Ibishingirwaho mu gusuzuma inyungu zo kurangiza amasezerano

Kugira ngo hasuzumwe inyungu zo kurangiza amasezerano, hitabwa kuri ibi bikurikira:

- 1° ibyo impande zombi zari zitegereje ku masezerano;
- 2° ibyakwangirika amasezerano aramutse adakurikijwe ;
- 3° inyungu rusange yaba iriho mu kurangiza ibikubiye mu masezerano.

If the formation of the contract is induced by undue influence by another person who is not a party to the contract, the aggrieved party may request that the contract be void unless the other party to the contract in good faith and without knowledge of what happened agrees on correcting mistakes.

Section 4: Non-performance of the contract on grounds of public order

Article 58: Non-performance of a clause of the contract on the grounds of public order

A promise or other clause of a contract is unenforceable on the grounds of public order if the Law provides that it cannot be performed or depending on the circumstances, the public order prevails over the interest in the performance of a contract.

Article 59: Criteria for evaluating the interest in the performance of a contract

In evaluating the interest in the performance of a contract, the following shall be considered:

- 1° the parties' expectations;
- 2° any prejudice that would result from the non performance;
- 3° any public interest in the enforcement of the provisions of the contract.

Si la formation du contrat résulte de la crainte révérentielle envers une personne qui n'est pas partie au contrat, la partie lésée peut demander l'annulation du contrat sauf si l'autre partie au contrat, en toute bonne foi et sans aucune raison de connaître ce qui s'est passé, accepte de remédier à la situation.

Section 4: Inexécution du contrat pour des raisons d'ordre public

Article 58: Inexécution d'une clause du contrat pour des raisons d'ordre public

Une promesse ou une autre clause du contrat n'est pas exécutoire pour des raisons d'ordre public, si la loi prévoit qu'elle ne peut pas être exécutée ou si, étant donné les circonstances, le respect à l'ordre public l'emporte sur les intérêts de l'exécution du contrat.

Article 59: Critères d'évaluation de l'intérêt d'exécution d'un contrat

Pour évaluer l'intérêt de l'exécution d'un contrat, les facteurs suivants sont considérés:

- 1° les attentes des parties;
- 2° tout préjudice qui résulterait de la non exécution;
- 3° tout intérêt général dans l'exécution des dispositions du contrat.

Ingingo ya 60: Ibishingirwaho mu gusuzuma uburemere bw'impamvu ndemyagihugu

Kugira ngo hasuzumwe uburemere bw'impamvu ndemyagihugu, yatuma amasezerano atarangizwa, hitabwa kuri ibi bikurikira:

- 1° uburemere bw'iyi mpamvu ndemyagihugu, nk'uko bigaragara mu mategeko cyangwa ibyemezo by'inkiko;
- 2° uburemere bw'imyitwarire mibi yagaragaye ndetse n'uburyo yari igambiriwe;
- 3° isano iri hagati y'imyitwarire mibi n'igisabwa mu masezerano.

Ingingo ya 61: Ibishingirwaho kugira ngo impamvu ndemyagihugu zitambamire irangizwa ry'amasezerano

Impamvu ndemyagihugu ibuza irangizwa ry'ibyasezeranyijwe cyangwa izindi ngingo z'amasezerano ishobora kugaragazwa hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- 1° itegeko ryerekeye iyi mpamvu ndemyagihugu ;
- 2° kurengera imibereho myiza rusange hitabwa cyane cyane kuri ibi bikurikira:
 - a) ibikumira uburenganzira bw'ubwisanzure mu bucuruzi;
 - b) ibihungabanya umuryango;
 - c) igongana n'izindi nyungu zigomba kurengerwa.

Article 60: Criteria for evaluating a public order motive

In evaluating a public order motive that would hinder the performance of a contract, the following shall be considered:

- 1° the weight of that public order motive, as manifested by Laws or court decisions;
- 2° the seriousness of any misconduct involved and how it was deliberate;
- 3° the connection between the misconduct and the provisions of the contract.

Article 61: Basis for public order motives to obstruct the performance of the contract

A public order motive that can obstruct the performance of promises or other clauses of a contract may be established based on the following:

- 1° A Law relevant to such a public order motive;
- 2° the need to protect public welfare focusing on the following:
 - a) restrictions to free trade ;
 - b) destabilization of the family;
 - c) conflict with other protected interests.

Article 60 : Critères d'évaluation d'une raison d'ordre public

Pour évaluer une raison d'ordre public qui pourrait entraver l'exécution d'un contrat, les critères suivants sont considérés:

- 1° le poids de cette raison d'ordre public tel qu'il ressort de la législation ou des décisions judiciaires ;
- 2° la gravité de toute mauvaise conduite y relative et la façon dont elle a été préméditée;
- 3° la relation entre la mauvaise conduite et les dispositions du contrat.

Article 61: Bases sur lesquelles l'ordre public fait obstacle à l'exécution du contrat

Une raison d'ordre public faisant obstacle à l'exécution de promesses ou d'autres clauses du contrat peut être établie sur base de:

- 1° une loi relative à une telle raison d'ordre public;
- 2° la nécessité de protéger le bien-être public en accordant plus d'attention à ce qui suit:
 - a) les entraves au libre échange ;
 - b) la déstabilisation de la famille;
 - c) le conflit avec d'autres intérêts protégés.

Ingingo ya 62: Inkurikizi z'ikosa ryo kutubahiriza isabwa ry'uruhushya cyangwa ibindi bisabwa bisa na byo

Iyo uruhande rumwe rutemerewe gukora igikorwa bitewe no kutagira uruhushya rusabwa, kutamenyekanisha, kutiyandikisha cyangwa ikindi gisabwa bitewe n'impamvu ndemyagihugu, isezeranya rikozwe hashingiwe kuri icyo gikorwa ntitishobora kurangizwa.

Ingingo ya 63: Inkurikizi zo gukora igisabwa igihe ikorehwa rigamijwe ritubahirije ibisabwa

Iyo ugenewe isezeranya yarangije gukora iby'ingenzi bigize igisabwa, impamvu ndemyagihugu ntibuza irangizwa ry'isezeranya kubera ko uwatanze isezeranya ateganya gukoresha nabi icyo yahawe keretse ugenewe isezeranya yarabikoze agamije uko gukoresha nabi cyangwa azi neza ingaruka mbi z'icyo gikorwa ku bantu benshi.

UMUTWE WA IV: INSHINGANO ZITURUKA KU MASEZERANO

Icyiciro cya mbere: Amahame rusange

Ingingo ya 64: Abarebwa n'amasezerano

Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko babyumvikanyeho cyangwa ku

Article 62: Effects of failure to comply with licensing or similar requirements

If a party is prohibited from doing an act because of his/her failure to comply with a licensing, advertising, registration or other similar requirement for motives of public order, a promise made in consideration of his/her act is unenforceable.

Article 63: Effects of performance if the intended use does not comply with the requirements

If the promisee has substantially performed his/her obligations, a public order motive does not preclude the performance of a promise because of improper use that the promisor intends to make of what he/she obtains unless the promisee acted with intention of such an improper use or knew that the use involves grave social harm.

CHAPTER IV: CONTRACTUAL OBLIGATIONS

Section One: General principles

Article 64: Parties to the contract

Contracts made in accordance with the law shall be binding between parties. They may only be revoked at the consent of the parties or for reasons

Article 62: Effets de la non conformité à l'exigence d'une autorisation ou autres exigences similaires

Lorsqu'une partie n'est pas autorisée à passer un acte en raison du défaut de détenir l'autorisation, de faire un avis au public, de se faire enregistrer ou de se conformer à toute autre exigence dans l'intérêt de l'ordre public, une promesse faite sur base de cet acte n'est pas exécutoire.

Article 63: Effets de l'exécution lorsque l'usage envisagé n'est pas conforme aux conditions exigées

Si le bénéficiaire de la promesse s'est acquitté des obligations essentielles, une raison d'ordre public n'entrave pas l'exécution de la promesse en raison d'un usage inapproprié que le promettant aurait l'intention de faire de ce qu'il obtient, sauf si le bénéficiaire de la promesse a agi avec l'intention d'en faire un usage inapproprié ou savait bien que cet usage cause un préjudice social grave.

CHAPITRE IV: OBLIGATIONS CONTRACTUELLES

Section première : Principes généraux

Article 64 : Parties au contrat

Les contrats légalement formés tiennent lieu de loi à ceux qui les ont faits. Ils ne peuvent être révoqués que de leur consentement mutuel ou

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

mpamvu zemewe n'amategeko. Agomba kubahirizwa nta buriganya.

Ingingo ya 65: Inkurikizi z'amasezerano

Amasezerano ntategeka gusa icyemejwe ahubwo yongeraho n'ingaruka ugushyira mu kuri, imigenzereze cyangwa amategeko byageneye inshingano bikurikije kamere yayo.

Icyiciro cya 2: Uburyo amasezerano agomba kumvikana

Ingingo ya 66: Isesengura ry'amasezerano

Gusesengura amasezerano cyangwa imwe mu ngingo zayo ni ugusobanura icyo ayo masezerano agamije n'icyasezeranyijwe.

Ingingo ya 67: Igisobanuro gihabwa icyasezeranyijwe

Iyo impande zigize amasezerano zitanga igisobanuro kimwe ku isezeranya, ku masezerano cyangwa imwe mu ngingo zayo, bifatwa ko ari ko amasezerano yumvikanyeye.

Iyo impande zigize amasezerano zahaye igisobanuro kinyuranye isezeranya, amasezerano cyangwa imwe mu ngingo zayo, bigomba gusesengurwa hakurikijwe igisobanuro cyatanzwe na rumwe mu mpande zigize amasezerano, iyo mu gihe amasezerano yakorwaga:

1° urwo ruhande rutamenye igisobanuro

based on law. They shall be performed in good faith.

Article 65: Effects of the contracts

A contract shall not only cover the subject matter but also the effects that equity, practices or law impute to the obligations according to the nature of the contract.

Section 2: Interpretation of a contract

Article 66: Interpretation of a contract

Interprete a contract or a clause thereof is to give the meaning of the purpose and promise under the contract.

Article 67: Meaning of the promise

Where the parties have attached the same meaning to a promise, a contract or a clause thereof, it shall be interpreted in accordance with that meaning.

Where the parties have attached different meanings to a promise, a contract or a clause thereof, it shall be interpreted in accordance with the meaning provided by one of the parties, if at the time the contract was made:

1° that party did not know of any different

pour les causes que la loi autorise. Ils doivent être exécutés de bonne foi.

Article 65 : Effets des contrats

Le contrat couvre non seulement son objet, mais aussi tous les effets que l'équité, l'usage ou la loi donnent à l'obligation d'après la nature du contrat.

Section 2 : Interprétation d'un contrat

Article 66: Interprétation d'un contrat

Interpréter un contrat ou une de ses clauses c'est donner le sens de l'objet et la promesse prévus par le contrat.

Article 67: Sens de la promesse

Lorsque les parties ont attribué le même sens à une promesse, un contrat ou à une de ses clauses, le contrat est interprété conformément à ce sens.

Lorsque les parties ont attribué des sens différents à la promesse, au contrat ou à une de ses clauses, le contrat est interprété conformément au sens attribué par l'une des parties lorsqu'au moment où le contrat a été formé:

1° cette partie n'a su aucun autre sens différent

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

gitandukanye cyatanzwe n'urundi ruhande, kandi rwo rwari ruzi igisobanuro cyatanzwe n'uruhande rwa mbere ;

- 2° urwo ruhande rutari rufite uburyo bwo kumenya igisobanuro cyatanzwe n'urundi, kandi urwo rundi rwari rufite uburyo bwo kumenya igisobanuro cyatanzwe n'uruhande rwa mbere.

Haseguriwe ibivugwa muri iyi ngingo, nta ruhande na rumwe rutegetswe kwemera igisobanuro cyatanzwe n'urundi, kabone n'iyoy byatuma ukwemeranya kw'impande zombi kutagerwaho.

Ingingo ya 68: Amategeko agenga iby'isesengura

Imvugo n'indi myitwarire bigamije amasezerano bisesengurwa hakurikijwe uko ibintu biteye, kandi iyo ikigamijwe cy'ibanze ku mpande zigirana amasezerano gishobora kumenyekana neza, byitabwaho.

Inyandiko y'amasezerano isesengurwa uko yakabaye. Izindi nyandiko zijyanye n'amasezerano zisesengurirwa hamwe.

Iyo imvugo ifite igisobanuro kimenyerewe isesengurwa hakurikijwe icyo gisobanuro, keretse iyo bigaragajwe ukundi. Imvugo zihariye zijyanye n'umwuga wihariye zihabwa amagambo y'umwuga iyo yakoreshejwe mu masezerano mu rwego rw'aho akoreshejwe mu by'umwuga, keretse iyo bigaragajwe ukundi.

Iyo amasezerano ateye ku buryo igisabwa gikorwa

meaning attached by the other, and the other party knew the meaning attached by the first party;

- 2° that party had no means to know of any meaning attached by the other, and the other party had reason to know the meaning attached by the first party.

Without prejudice to the provisions of this Article, neither party shall be bound by the meaning attached by the other, even though the result may be a failure of mutual assent.

Article 68: Rules of interpretation

Language and other conduct relating to a contract shall be interpreted in the light of circumstances, and if the principal purpose of the parties is ascertainable, it shall be given substantial value.

The contract document shall be interpreted as a whole and, all writings relating to the contract shall be interpreted together.

Where a language has a general known meaning, it shall be interpreted in accordance with that meaning unless a different intention is manifested. Technical terms shall be given their technical meaning when used in a contract within their technical field, unless a different intention is manifested.

Where a contract involves repeated occasions for

attribué par l'autre partie, alors que cette autre partie connaissait le sens attribué par la première partie;

- 2° cette partie n'avait pas de moyens de connaître le sens attribué par l'autre partie, et que l'autre partie avait des raisons de connaître le sens attribué par la première partie.

Sans préjudice des dispositions du présent article, aucune partie n'est tenue d'accepter le sens donné par l'autre, même si ce refus peut entraîner le manque de consentement mutuel.

Article 68: Règles sur l'interprétation

Le langage et autre comportement relatifs au contrat sont interprétés en fonction des circonstances, et si l'objet principal visé par les parties est déterminable, une considération particulière lui est accordée.

Le document de contrat est interprété dans sa totalité et, tous les écrits relatifs au contrat sont interprétés ensemble.

Lorsqu'un langage a un sens général connu, il est interprété selon ce sens, à moins qu'une intention différente ne soit manifestée. Les termes techniques gardent leur sens technique lorsqu'ils sont utilisés dans un contrat dans le cadre de leur champ technique, à moins qu'une intention différente ne soit manifestée.

Lorsqu'un contrat requiert des prestations

inshuro nyinshi kuri rumwe cyangwa urundi ruhande mu zigirana amasezerano kandi hari n'uburyo urundi ruhande rushobora kuyanga, hahabwa uburemere mu isesengurwa ry'amasezerano ibyakozwe impande zombi zemeranyaho.

Igihe cyose byumvikana, ukwiyemerera kw'impande zombi ku isezeranya cyangwa ku masezerano gusesengurwa nk'aho kujyanye kandi ko guhuje n'uburyo gukora igisabwa bisanzwe bigenda muri urwo rwego rw'ibikorwa.

Ingingo ya 69: Amahame agenderwaho mu isesengura

Mu isesengura ry'amasezerano cyangwa isezeranya, amahame ya ngombwa akoreshwa ni aya akurikira:

- 1° gutanga igisobanuro gifite ireme, cyemewe n'amategeko kandi cyumvikana kimwe ku ngingo zose;
- 2° guha uburemere ingingo zisobanutse neza kurusha kureba uko amasezerano yagiye arangizwa, uko akorwa muri rusange n'uko ibintu bisanzwe bigenda, kandi uko amasezerano yagezweho bihabwa agaciro kurusha uko ibintu bisanzwe bigenda;
- 3° imvugo y'umwuga n'ingingo zivuga neza ibiteganyijwe bihabwa uburemere kurusha imvugo rusange;
- 4° ingingo zumvikanyweho n'impande zombi cyangwa z'inyongera zihabwa uburemere buruta ubw'ingingo zisanzwe ziteguye cyangwa izindi ngingo zitumvikanyweho n'abantu ubwabo.

performance by either party with opportunity for objection to it by the other party, the performance accepted by both parties shall be given great weight in the interpretation of the contract.

Wherever reasonable, the manifestation of assent of the parties to a promise or contract shall be interpreted as consistent and compliant with relevant course of performance in such dealings.

Article 69: Principles of interpretation

In the interpretation of a promise or a contract, the following principles are generally applicable:

- 1° providing an interpretation which gives a consistent, lawful and reasonable meaning to all the clauses;
- 2° giving greater weight to explicit clauses than the performance of the contract, the formation of the contract in general and usage, and the process to sign the contract is given greater weight than usage;
- 3° technical terms and explicit terms shall be given greater weight than general language;
- 4° negotiated or added clauses are given greater weight than standardized clauses or other clauses not negotiated between parties.

répétées par l'une ou l'autre partie avec opportunité pour l'autre partie de s'y opposer, la prestation acceptée par les deux parties a plus d'importance lors de l'interprétation du contrat.

Dans tous les cas raisonnables, la manifestation du consentement des parties à une promesse ou un contrat est interprétée comme étant cohérente et conforme au déroulement normal de prestation dans ce type d'activités.

Article 69 : Principes de l'interprétation

Lors de l'interprétation d'une promesse ou d'un contrat, les principes suivants sont généralement applicables:

- 1° donner une interprétation ayant un sens cohérent, licite et raisonnable à toutes les clauses;
- 2° donner plus de poids aux clauses explicites qu'à l'exécution du contrat, la formation du contrat en général et l'usage, et l'aboutissement à la conclusion du contrat bénéficie de plus de considération que l'usage;
- 3° donner plus de poids aux termes techniques et aux termes qui expriment mieux l'objet du contrat qu'au langage général;
- 4° les clauses négociées ou ajoutées ont plus de poids que les clauses standards ou les clauses non négociées entre les parties.

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

Ingingo ya 70: Inshingano yo gukorana nta buriganya no kugendera mu kuri

Buri ruhande rufite inshingano yo kurangiza amasezerano nta buriganya kandi rukarangwa n'imikorere myiza yemerwa ku bagiranye amasezerano.

Ingingo ya 71: Isesengura ry'amasezerano hatitawe ku wayanditse

Mu guhitamo igisobanuro cyumvikana ku isezeranya, ku masezerano cyangwa imwe mu ngingo ziyagize, igisobanuro rusange kigenderwaho ni ikitagendera ku ruhande rwatanze amagambo yakoreshejwe cyangwa uruhande rwandikishije inyandiko.

Ingingo ya 72: Isesengura riganisha ku nyungu rusange

Mu guhitamo ibisobanuro byumvikana ku isezeranya, mu masezerano cyangwa imwe mu ngingo ziyagize, ibisobanuro bifatwa ni ibiganisha ku nyungu rusange.

Ingingo ya 73: Amasezerano cyangwa ingingo zayo birimo akarengane

Iyo amasezerano cyangwa ingingo zayo birimo kubangamira uburenganzira bw'uruhande rumwe igihe amasezerano yakorwaga, uruhande rubangamiwe rushobora gusaba urukiko kwanga ko amasezerano arangizwa cyangwa kwemeza ko harangizwa ibisigaye ku masezerano hatarimo

Article 70: Obligation of good faith and fair dealing

Each party shall have obligation to perform the contract in good faith and fair dealing between parties.

Article 71: Interpretation of the contract regardless of the drafter

In choosing a reasonable meaning of a promise, a contract or a clause thereof, the meaning which operates against the party who supplied the words or a writing shall generally be preferred.

Article 72: Interpretation favoring the public interest

In choosing the reasonable meanings of a promise, a contract or a clause thereof, a meaning that serves the public interest shall generally be preferred.

Article 73: Contract or clauses with lesion

If a contract or clauses thereof contain a lesion at the time the contract is made, the aggrieved party may request the court to order the non-performance of the contract, or decide to perform the remainder of the contract excluding the clauses with lesion.

Article 70: Obligation de bonne foi et de traitement équitable

Chaque partie a l'obligation d'exécuter le contrat avec la bonne foi et le traitement équitable entre les parties.

Article 71: Interprétation du contrat sans considération du rédacteur

Pour choisir le sens raisonnable d'une promesse, d'un contrat ou d'une de ses clauses, le sens qui n'est pas celui de la partie qui a fourni les mots ou inspiré la rédaction, est généralement préféré.

Article 72: Interprétation en faveur de l'intérêt public

Pour choisir le sens raisonnable d'une promesse, d'un contrat ou d'une de ses clauses, le sens qui sert l'intérêt public est généralement préféré.

Article 73: Contrat ou clauses présentant une lésion

Lorsqu'un contrat ou les clauses d'un contrat contiennent une lésion au moment de la formation du contrat, la partie lésée peut demander au tribunal d'ordonner la non-exécution du contrat, ou décider de faire exécuter le reste du contrat excepté les clauses contenant

ingingo zirimo kubangamira uruhande rumwe.

Ingingo ya 74: Gusobanura amasezerano hakurikijwe ibisanzwe bigenderwaho

Amasezerano asesengurwa hakurikijwe ibisanzwe bikorwa iyo ibisobanuro byahawe amasezerano n'umwe mu bayagiranye bihuye n'ibisanzwe bikorwa kandi urundi ruhande rukaba rubizi neza. Urwo ruhande rufatwa nk'aho rwamenye ibyo bisobanuro byatanze.

Ingingo ya 75: Ibisanzwe bikorwa mu bucuruzi

Ibisanzwe bimenyerewe gukorwa mu bucuruzi bishingira ku miterere y'ubwo bucuruzi. Iyo ibyo bimenyerewe byashyizwe mu gitabo cy'amategeko agenga ubucuruzi cyangwa mu kindi gitabo byenda gusa, isesengurwa ryayo rikorwa n'urukiko hakurikijwe amategeko.

Uretse byemejwe ukundi, ibisanzwe bimenyerewe mu bucuruzi babyumvikanyeho cyangwa bisanzwe bikoreshwa n'abagirana amasezerano bayazi cyangwa hari ibigaragaza ko bazi cyangwa bagombye kumenya, bikoreshwa mu gusesengura amasezerano yabo.

Ingingo ya 76: Imigendekere y'imishyikirano

Imishyikirano ni imyitwarire ibanziriza amasezerano igaragaraza ibyo impande zombi zumvikanaho bizifasha gusobanura icyo zishaka.

Article 74: Usage-based interpretation

A contract shall be interpreted based on the usage, when the meaning attached by one party complies with a relevant usage and the other party knows that usage. The other party shall be treated as having known the meaning attached.

Article 75: Usage of trade

The usage of trade shall be determined by the nature of the trade. If a usage is embodied in the trade code or any similar writing, the interpretation shall be done by the court in accordance with the law.

Unless otherwise agreed upon, a usage of trade agreed or normally in use between parties or a usage of trade of which they know or are expected to know, shall be used in the interpretation of their contract.

Article 76: Course of negotiation

A negotiation is a conduct between the parties prior to the formation of the contract which establishes a common basis of understanding that enables them to define their intention.

la lésion.

Article 74: Interprétation sur base d'usage

Un contrat est interprété selon l'usage lorsque le sens attribué par une partie est conforme à l'usage applicable et que l'autre partie connaît cet usage. Cette partie est supposée avoir connu le sens attribué.

Article 75: Usage du commerce

L'usage du commerce est déterminé par la nature de ce commerce. Lorsqu'un usage est stipulé dans le code de commerce ou dans tout autre document similaire, l'interprétation est faite par le tribunal en vertu de la loi.

A moins qu'il ne soit convenu autrement, un usage de commerce convenu et utilisé entre les parties ou un usage de commerce que les parties connaissent ou ont des raisons de connaître, est utilisé dans l'interprétation de leur contrat.

Article 76: Déroulement des négociations

Les négociations constituent une pratique préalable à la formation du contrat qui établit une base commune de compréhension entre les parties et qui permet de définir leur intention.

Imishyikirano ikoresheya mu gusobanura amasezerano, mu kuyuzuzanya cyangwa mu kugaragaza imiterere yayo.

A negotiation shall be used to interpret, supplement or qualify the contract.

Les négociations servent à interpréter, compléter ou qualifier le contrat.

UMUTWE WA V: IRANGIZWA RY'INSHINGANO ZITURUKA MU MASEZERANO

CHAPTER V: PERFORMANCE OF CONTRACTUAL OBLIGATIONS

CHAPITRE V: EXECUTION DES OBLIGATIONS CONTRACTUELLES

Icyiciro cya mbere: Gukora ibisabwa mu masezerano

Section One: Performance of contract provisions

Section première: Exécution des dispositions du contrat

Ingingo ya 77: Inkomyi itangiza inshingano

Article 77: Suspensive condition

Article 77: Condition suspensive

Inkomyi itangiza inshingano ni ikintu gishobora kutabaho ariko kigomba kubaho mbere y'uko gukora igisabwa biba ngombwa.

A suspensive condition is an event, not certain to occur, but which must occur before the performance of the contract becomes due.

Une condition suspensive est un événement dont la réalisation n'est pas certaine mais qui doit se réaliser avant que l'exécution du contrat ne soit exigible.

Ikintu gishobora kuba inkomyi itangiza inshingano biturutse ku bwumvikane bw'impane zombi cyangwa bitegetswe n'urukiko.

An event may be a suspensive condition either on agreement between the parties or by an order of the court.

Un événement peut être une condition suspensive, soit par l'accord entre les parties ou par une décision judiciaire.

Ingingo ya 78: Inkurikizi iyo inkomyi itabayeho

Article 78: Effects of the non occurrence of the suspensive condition

Article 78: Effets de la non survenance d'une condition suspensive

Iyo inkomyi itangiza inshingano itabayeho, inshingano ziba zivuyeho. Kutabaho kw'inkomyi ntibifatwako nko kwica amasezerano keretse biturutse ku ruhande rufite inshingano yo gutuma inkomyi ibaho.

The non-occurrence of the suspensive condition extinguishes the obligations. Non-occurrence of the suspensive condition is not a breach of the contract unless it is caused by the party with the obligation to make the condition occur.

La non survenance d'une condition suspensive éteint les obligations. La non survenance d'une condition suspensive n'est pas une violation du contrat à moins qu'elle ne soit causée par la partie responsable de la survenance de la condition.

Ingingo ya 79: Inkomyi irangiza amasezerano

Article 79: Resolutive condition

Article 79: Condition résolutoire

Iyo amasezerano ateganyako inkomyi ituma inshingano z'ufite inshingano zirangira, mu gihe iyo

If the contract provides for a condition that terminates a debtor's obligations, those

Si le contrat prévoit une condition qui met fin aux obligations du débiteur, ces obligations sont

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

nkomyi ibayeho, nta nshingano ufite inshingano aba agifite, keretse iyo ikintu cyagizwe inkomyi kibaye kubera ko ufite inshingano atubahirije inshingano ze cyangwa se kibaye nticyongere ku buryo bugaragara inshingano z'ufite inshingano.

Ingingo ya 80: Gukora ibisabwa mu masezerano

Gukora ibisabwa byose mu masezerano bikuraho inshingano zo kubikora.

Iyo igihe cyo gukora ibisabwa mu masezerano kigeze, kutabikora bifatwa nko kwica amasezerano.

Ingingo ya 81 : Kurenganurwa iyo habaye kwica amasezerano

Kwica amasezerano yose bitanga uburenganzira ku ndishyi z'akababaro zishingiye ku nshingano zo gukora igisabwa zitarangira.

Kwica igice cy'amasezerano bitanga uburenganzira ku ndishyi z'akababaro zishingiye gusa ku gice cy'inshingano zisigaye zo gukora igisabwa.

Ingingo ya 82 : Gukora ibisabwa icyarimwe cyangwa mu byiciro

Iyo ibisabwa bishobora gukorerwa rimwe, biba bigomba kwishyurirwa icyarimwe keretse bigaragaye ukundi hakurikijwe uko ibintu biteye.

Iyo igice cy'ibisabwa ari cyo kigomba kwishyurwa

obligations shall be extinguished if the condition occurs, unless the occurrence of the condition is the result of a breach of the contract by the debtor or the occurrence does not subject the debtor to materially increased obligations.

Article 80: Performance of contractual obligations

Full performance of obligations under the contract extinguishes the obligations.

When the performance of obligations under the contract is due, the non-performance shall be a breach.

Article 81: Remedies for the breach of the contract

Total breach of the contract gives right to damages based on the non performed obligations.

Partial breach of the contract gives right to damages based on only part of remaining obligations to perform.

Article 82: Performance at once or in installments

Where the whole obligations can be performed at once, it is due as a whole, unless the circumstances indicate otherwise.

Where only part of the obligations is due at one

éteintes si la condition se produit, à moins que la survenance de cette condition ne soit le résultat d'une violation du contrat par le débiteur ou si la condition ne se produit sans augmenter considérablement les obligations du débiteur.

Article 80: Exécution des obligations contractuelles

L'exécution de toutes les obligations du contrat libère la personne de ces obligations.

Lorsque l'exécution des obligations du contrat est exigible, la non-exécution vaut violation.

Article 81: Mesures correctives en cas de violation du contrat

La violation totale du contrat donne droit aux dommages-intérêts basés sur les obligations non exécutées.

La violation partielle du contrat donne droit aux dommages-intérêts basés seulement sur une partie des obligations non exécutées.

Article 82: Exécution en une seule fois ou en tranches

Lorsque les obligations totales peuvent être exécutées en une seule fois, elles sont exigibles en entier, à moins que les circonstances ne l'indiquent autrement.

Lorsque seule une partie des obligations est

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

gusa icyarimwe, urundi ruhande rushobora kwishyura igice cyagereranwa n'inshingano zarangiye, keretse bigaragaye ukundi, hakurikijwe uko ibintu biteye.

Ingingo ya 83: Uburyo bwo gukora ibisabwa

Ibisabwa byose mu masezerano cyangwa igice cyabyo bigomba gukorwa mu gihe kimwe n'impande zombi iyo bishoboka, keretse bigaragaye ukundi hakurikijwe uko ibintu biteye.

Iyo gukora ibisabwa ku ruhande rumwe bisaba igihe, urundi ruhande rugomba kurangiza inshingano zarwo mbere, keretse bigaragaye ukundi, hakurikijwe uko ibintu biteye.

Ingingo ya 84: Ingaruka zo kutarangiza inshingano ku ruhande rumwe

Uruhande rumwe ntirushobora gusaba urundi ruhande kurangiza inshingano zarwo rutabanje gukora ibyo rwasabwaga by'ingenzi mu gihe hari inshingano magirirane.

Ingingo ya 85 : Ibigaragaza ko habaye kudakora ibisabwa ku buryo bukabije

Mu kugaragaza ko habayeho kudakora ibisabwa ku buryo bukabije, hitabwa ku bintu bikurikira :

1° inyungu urundi ruhande rutabonye kandi

time, the other party can perform a part that is comparable to performed obligations, unless the circumstances indicate otherwise.

Article 83: Modalities of performing obligations

All or part of the obligations under the contract must be performed simultaneously by both parties if possible, unless the circumstances indicate otherwise.

Where the performance of one party requires a period of time, the other party must perform his/her own obligations at an earlier time, unless the circumstances indicate otherwise.

Article 84: Effects of one party's non performance

One party shall not require the other party to perform his/her obligations unless that party has performed his/her main obligations in case of mutual obligations.

Article 85: Factors determining that the non performance is material

In determining that the non performance is material, the following circumstances shall be taken into account:

1° the expected benefit of which the

exigible, l'autre partie peut exécuter une partie correspondant aux obligations exécutées, à moins que les circonstances ne l'indiquent autrement.

Article 83: Modalités d'exécution des obligations

La totalité ou une partie des obligations du contrat doivent être exécutées simultanément par les deux parties si possible, à moins que les circonstances ne l'indiquent autrement.

Lorsque l'exécution des obligations d'une partie exige un délai, l'autre partie doit exécuter ses obligations en avance, à moins que les circonstances ne l'indiquent autrement.

Article 84 : Effets de la non-exécution par une partie

Une partie ne peut pas exiger l'autre partie d'exécuter ses obligations à moins que cette partie ait aussi exécuté l'essentiel de ses obligations dans le cadre des obligations réciproques.

Article 85: Facteurs déterminant la gravité de la non-exécution

Pour déterminer que la non-exécution est grave, les facteurs suivants doivent être pris en compte :

1° le bénéfice attendu dont la partie lésée a

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

- rwari ruyitegereje;
- 2° indishyi urundi ruhande rwagombye kubona biturutse ku nyungu rwabuze;
- 3° ibyo uruhande rutakoze ibyo rwasabwaga rushobora gutakaza;
- 4° amahirwe yaba ariho ko uruhande rutakoze ibyo rwasabwaga rwakwikosora rukarangiza inshingano zarwo hakurikijwe uko ibintu bimeze n'icyizere rwatanga ;
- 5° uburiganya mu myitwarire y'uruhande rutakoze ibyo rwasabwaga.

- aggrieved party was deprived;
- 2° the compensation the aggrieved party should receive due to the benefit of which he/she is deprived;
- 3° the loss that may be incurred by the party failing to perform;
- 4° the likelihood that the party failing to perform will cure his/her failure and perform his/her obligations, taking account of all the circumstances and reasonable assurance that the party provides;
- 5° the bad faith in the behaviour of the party failing to perform.

- été privé;
- 2° les indemnités que la partie lésée devrait recevoir suite au bénéfice dont elle a été privée ;
- 3° la perte que peut subir la partie qui n'a pas exécuté ses obligations;
- 4° la probabilité que la partie défaillante remédie à sa défaillance et exécute ses obligations, en tenant compte de toutes les circonstances y compris l'assurance raisonnable que cette partie donne;
- 5° la mauvaise foi dans le comportement de la partie défaillante.

Ingingo ya 86: Inkurikizi zo kwica amasezerano hadakorwa ibisabwa

Iyo amasezerano yishwe mu buryo bukabije biturutse ku kudakora ibisabwa mu masezerano bitanga uburenganzira bwo gusaba indishyi ku bitakozwe byose mu gihe izo ndishyi zikuraho inshingano zisigaye z'uruhande rwarenganye.

Ingingo ya 87: Ingaruka zo kwica amasezerano bikoze n'uruhande rwarenganye

Inshingano z'uruhande rumwe ku masezerano zo gutanga indishyi z'akababaro kubera kwica amasezerano yose zivaho iyo bigaragara nyuma yo kwica amasezerano ko urundi ruhande narwo rutari gukora igisabwa.

Article 86: Effects of the breach of the contract by non performance

Material breach of the contract by non-performance of its provisions gives right to a claim for damages for all obligations not performed if such damages extinguish the remaining obligations of the aggrieved party.

Article 87: Effects of the breach of the contract by the aggrieved party

A party's obligation to pay damages for total breach of the contract is extinguished if it appears after the breach that the aggrieved party failed to perform his/her own obligations.

Article 86: Effets de la violation du contrat par la non-exécution

La violation grave du contrat par la non exécution de ses dispositions donne droit à la demande de dommages-intérêts pour toutes les obligations non exécutées si ces dommages-intérêts éteignent les obligations restantes de la partie lésée.

Article 87: Effets de la violation du contrat par la partie lésée

L'obligation d'une partie de payer des dommages-intérêts pour une violation totale du contrat est éteinte si, après la violation, il apparaît qu'il y a eu aussi défaillance de la partie lésée d'exécuter ses propres obligations.

Ingingo ya 88 : Guhakana inshingano

Guhakana inshingano bishobora gukorwa mu buryo bukurikira:

- 1° inyandiko ufite inshingano ahaye ugenewe inshingano imumenyeshya ko atazakora igisabwa;
- 2° gukora ku bushake igikorwa kigaragaza ko ufite inshingano atazakora igisabwa.

Ingingo ya 89: Inkurikizi zo guhakana inshingano

Iyo ufite inshingano ahakanye inshingano, uko guhakana inshingano biha urundi ruhande uburenganzira bwo gusaba indishyi zishingiye ku nshingano zose zari zisigaye.

Iyo igisabwa ku mpande zombi kigomba gukorwa mu buryo bw'ingurane, guhakana inshingano bikozwe n'uruhande rumwe bivanaho inshingano zisigaye z'urundi ruhande zo gukora igisabwa.

Ingingo ya 90: Gihamya yo gukora ibisabwa mu masezerano

Iyo hari impamvu zumvikana zatuma haba gukeka ko ufite inshingano atazakora ibisabwa ku buryo byatanga uburenganzira bwo kuregera indishyi ku bitakozwe byose, ugenewe inshingano ashobora gusaba gihamya ko ibisabwa bizakorwa. Mu gihe bikwiye, ashobora guhagarika gukora ibyo asabwa iyo atarabona ingurane y'urundi ruhande kugeza igihe aboneye gihamya.

Article 88: Repudiation of obligations

Repudiation of obligations may be made through the following:

- 1° a statement by the debtor to the creditor indicating that the debtor will not perform the obligations;
- 2° a voluntary act indicating that the debtor will not perform the obligations.

Article 89: Effects of repudiation of obligations

Where a debtor repudiates the obligations, such repudiation gives the other party the right to claim for damages for all remaining obligations.

Where the obligations require consideration, one party's repudiation of the obligations extinguishes the other party's remaining obligations.

Article 90: Performance bond

If there are reasonable grounds to believe that the debtor will not perform the obligations which would give the creditor the right to claim for damages for all obligations not performed, the creditor may request the performance bond. If need be, he/she may suspend performance if he/she has not yet received a consideration from the other party until he/she receives the performance bond.

Article 88: Dénonciation des obligations

La dénonciation des obligations peut se faire de la manière suivante:

- 1° une déclaration faite par le débiteur au créancier indiquant que le débiteur n'exécutera pas les obligations;
- 2° un acte volontaire qui indique que le débiteur n'exécutera pas les obligations.

Article 89 : Effets de dénonciation des obligations

Lorsque le débiteur dénonce les obligations, la dénonciation donne à l'autre partie le droit de demander des dommages-intérêts pour toutes les obligations restantes.

Lorsque les obligations exigent une contrepartie, la dénonciation des obligations par une partie éteint les obligations restantes de l'autre partie.

Article 90: Garantie d'exécution des obligations du contrat

Lorsqu'il y a des motifs raisonnables de croire que le débiteur n'exécutera pas les obligations, ce qui pourrait donner au créancier le droit de demander des dommages-intérêts pour toutes les obligations non exécutées, le créancier peut demander une garantie d'exécution des obligations. Le cas échéant, il peut suspendre l'exécution s'il n'a pas encore reçu une contrepartie de la part de l'autre partie, jusqu'à

Iyo ufite inshingano adatanze gihamya isabwa mu gihe gikwiye bishobora gufatwa nko guhakana inshingano.

Ingingo 91: Ibintu bishobora kuvanaho inshingano zo kuriha indishyi

Inshingano zo kuriha indishyi z'akababaro zishingiye ku guhakana inshingano zivaho iyo bigaragara ko uruhande rwarenganye na rwo rutari gukora igisabwa.

Inshingano zo kuriha indishyi z'akababaro zishingiye ku guhakana inshingano zivaho iyo bigaragara ko inshingano zahakanwe zari kuvaho kubera ko zidashoboka cyangwa icyari kigamijwe kidashoboka.

Icyiciro cya 2: Igisabwa kidashoboka

Ingingo ya 92 : Kuvaho kw'inshingano zidashobora kurangizwa

Iyo uruhande rumwe rudashobora gukora ibisabwa mu masezerano ku mpamvu zitaruturutseho kubera ko habuze ikintu amasezerano yari ashingiyeho cyangwa indi mpamvu ntarengwa itunguranye, inshingano y'urwo ruhande yo gukora ibisabwa ivaho, keretse iyo uko ibintu bimeze bibigaragaza ukundi.

The debtor's failure to provide within a reasonable time the performance bond may be considered as a repudiation of the obligations.

Article 91: Factors that extinguish the obligation to pay damages

A party's obligation to pay damages on repudiation of the obligations is extinguished if it appears that the aggrieved party does not perform his/her own obligations.

The obligation to pay damages for repudiation of obligations is extinguished if it appears that repudiated obligations would have been extinguished by their impossibility of performance or the impossibility of the purpose.

Section 2: Impossibility of performance of the contract

Article 92: Extinguishing of obligations due to impossibility of performance

Where a party's performance is made impossible for reasons beyond her/his control including the absence of the object matter of the contract or another case of force majeure, his/her obligation of performance shall be extinguished, unless the circumstances indicate otherwise.

ce qu'il reçoive la garantie d'exécution.

Le défaut du débiteur de fournir la garantie d'exécution dans le délai raisonnable peut être considéré comme dénonciation des obligations.

Article 91: Facteurs éteignant l'obligation de payer des dommages-intérêts

L'obligation d'une partie de payer des dommages-intérêts en cas de dénonciation des obligations est éteinte s'il apparaît que la partie lésée n'exécute pas ses propres obligations.

L'obligation de payer des dommages-intérêts pour dénonciation des obligations est éteinte s'il apparaît que les obligations dénoncées seraient éteintes par l'impossibilité de leur exécution ou de leur objet.

Section 2: Impossibilité d'exécution du contrat

Article 92: Extinction des obligations en cas d'impossibilité d'exécution

Si l'exécution des obligations de la part d'une partie devient impossible pour des raisons indépendantes de sa volonté telle que l'absence de l'objet du contrat conclu ou un autre cas de force majeure, son obligation d'exécution est éteinte, à moins que les circonstances ne l'indiquent autrement.

Ingingo ya 93: Urupfu cyangwa kubura ubushobozi

Iyo ari ngombwa ko umuntu runaka aba akiriho kugira ngo gukora ibisabwa bishoboke, urupfu rwe cyangwa kubura ubushobozi byatuma gukora ibisabwa bidashoboka ni imwe mu mpamvu yatuma amasezerano yakozwe atarangizwa, hakurikijwe uko ibintu bimeze.

Ingingo ya 94: Kutabaho, kubura cyangwa kwangirika kw'ikintu cya ngombwa mu gukora ibisabwa

Iyo ikintu runaka kigomba kubaho kugira ngo gukora igisabwa bishoboke, kutabaho kw'icyo kintu, kubura cyangwa kwangirika kwacyo ku buryo gukora igisabwa bidashoboka ni ikintu kiba kibaye gituma igisabwa mu masezerano kiba kitagishobotse.

Ingingo ya 95: Itegeko rishya rigomba kubahirizwa

Iyo gukora igisabwa bidashoboka kubera ko bibaye ngombwa kubahiriza itegeko rishya, iryo tegeko ni ikintu kiba kibaye kandi amasezerano yarakozwe hadateganijwe ko kizabaho.

Ingingo ya 96: Ukudashoboka kw'igice kimwe cy'ibisabwa gukorwa

Iyo igice cy'ibisabwa ari cyo kidashoboka, inshingano zisigaye z'ufite inshingano zigumaho iyo:

Article 93: Death or incapacity

If the existence of a particular person is necessary for the performance of the obligation, that person's death or incapacity making performance impossible is one of the reasons that makes the performance of the contract impossible depending on circumstances.

The assignment of rights does not in itself operate as a warranty that the debtor is solvent or that he/she will perform his/her obligations.

Article 129: Remedies in favour of an assignee

The assignment of rights shall give the assignee right to take action against the debtor as the

Article 128: Garanties requises du cédant

A moins qu'une intention différente ne soit manifestée, une personne qui cède ou veut céder ses droits par un titre authentique, garantit:

- 1° qu'il ne fera rien pour annuler ou porter atteinte à la validité de la cession et qu'il n'a connaissance d'aucun fait qui pourrait donner lieu à son annulation ;
- 2° que les droits, tels que cédés, existent réellement, et qu'il n'y a pas eu de prescription ou qu'il n'y a aucun litige y relatif sauf ce qui a été stipulé ou constaté au moment de la cession ;
- 3° que tous les écrits prouvant les droits cédés qui sont remis ou présentés au cessionnaire pour l'inciter à accepter la cession sont authentiques et représentent ce qu'ils prétendent être.

La cession des droits en soi ne vaut pas la garantie que le débiteur est solvable ou qu'il exécutera ses obligations.

Article 129: Réparation en faveur d'un cessionnaire

La cession des droits donne au cessionnaire le droit d'intenter une action contre le débiteur

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

nk'uko byari gukorwa n'uweguye uburenganzira.

assignor would do.

comme le ferait le cédant.

Nta burenganzira uweguriwe aba afite bwo gukurikirana ufite inshingano iyo uburenganzira yeguriwe bushobora guteshwa agaciro cyangwa ntibushobore kurangizwa kabone n'iyi ihererekanya riba ritarabaye.

The assignee shall have no right against the debtor if the assigned rights would be liable to annulment or unenforceable even if no assignment had been made.

Le cessionnaire n'a aucun droit contre le débiteur si les droits cédés étaient annulables ou inexécutables même si la cession n'avait pas eu lieu.

Ingingo ya 130: Gukuraho uburyo bwo kwiregura kubera ibintu bibaye nyuma

Article 130: Elimination of means of defence by subsequent events

Article 130: Suppression des moyens de défense par des événements ultérieurs

Mu gihe uburenganzira bw'uweguye uburenganzira bwe bushobora kugwa mu buzime, guteshwa agaciro, kudashyirwa mu bikorwa, kuvanwaho cyangwa guhindurwa, ibintu bibaye nyuma byakuraho izo mbogamizi cyangwa ubwo buryo bwo kwiregura bisubiza uweguriwe uburenganzira bwe.

Where the rights of the assignor may be limited, liable to annulment, unenforceable, subject to extinguishment or modification, subsequent events which would eliminate those obstacles or means of defence shall restore the rights of the assignee.

Lorsque les droits du cédant peuvent être prescriptibles, annulables, inexécutables, sujets d'extinction ou de modification, les événements ultérieurs qui pourraient lever ces obstacles ou moyens de défense rétablissent les droits du cessionnaire.

Ingingo ya 131 : Kuvanaho inshingano z'ufite inshingano nyuma y'iherekanya ry'uburenganzira

Article 131: Extinguishing of the debtor's obligations after assignment of the rights

Article 131: Extinction des obligations du débiteur après la cession des droits

Haseguriwe ibivugwa muri iyi ngingo, uweguye uburenganzira bwe akomeza kugira ububasha bwo kuvanaho cyangwa guhindura inshingano z'ufite inshingano kugeza igihe ufite inshingano amenyeshejwe ko uburenganzira bwahererekanyijwe.

Subject to the provisions of this Article, the assignor retains his/her power to extinguish or modify the debtor's obligations until the debtor receives notification that the rights have been assigned.

Sous réserve des dispositions du présent article, le cédant garde son pouvoir d'éteindre ou de modifier les obligations du débiteur jusqu'à la notification faite au débiteur que les droits ont été cédés.

Mu gihe uburenganzira bwahererekanyijwe bwashyizweho inkomyi ishingiyeye ku gukora igisabwa k'urundi ruhande, kabone n'iyi ihererekanya ryaba ritaramenyeshyeye ufite inshingano, ihinduka ryose cyangwa isimburwa

Where the assigned rights are under suspensive condition of the performance by the other party, and notwithstanding the failure of notification of the assignment to the debtor, any modification of or substitution for the contract made in good faith

Lorsque les droits cédés sont soumis à une condition suspensive exigeant l'exécution par l'autre partie, nonobstant le défaut de notification de la cession au débiteur, toute modification ou substitution du contrat faite de

ry'amasezerano bikozwe nta buriganya hagati y'uweguye uburenganzira bwe n'ufite inshingano kandi hakurikijwe ibigenderwaho mu bucuruzi rigira agaciro ku weguriwe uburenganzira.

Ingingo ya 132: Kurengera ufite inshingano

Ufite inshingano yemererwa indishyi ikwiye iyo ihererekanya rimugizeho ingaruka zirenze kure izashoboraga guturuka ku masezerano.

Ingingo ya 133: Ababerewemo umwenda n'uweguye uburenganzira bwe

Uretse mu gihe amategeko abiteganya ukundi, uburenganzira bw'uweguriwe buza mbere y'uburenganzira ku mutungo w'uweguye uburenganzira buturuka ku cyemezo cy'urukiko gitanzwe nyuma y'iherekanya, keretse ihererekanya ridafite agaciro, rishobora gusubirwaho cyangwa ryatashwa agaciro n'uweguye uburenganzira, n'uwahawe uburenganzira n'urukiko cyangwa ihererekanya ryarakozwe harimo uburiganya.

N'ubwo uburenganzira bw'uweguriwe buza mbere, ufite inshingano utaramenyeshwe ko habayeho ihererekanya kugeza ubwo atakaza uburenganzira bwo kuza mu rubanza agaragaza ko habaye ihererekanya avanirwaho inshingano zingana n'ubwishyu bwategetswe n'urukiko.

between the assignor and the debtor and in accordance with usage of trade, shall be effective with regard to the assignee.

Article 132: Protection of the debtor

The debtor shall be granted a reasonable compensation where the assignment has adverse effects beyond those which would result from the contract.

Article 133: Creditors of the assignor

Unless otherwise provided by Law, the rights of the assignee shall have preference over the right on the assignor's property subsequent to a court decision, unless the assignment is ineffective, revocable or liable to annulment by the assignor, by the person obtaining the right by the court decision or in the case of a fraudulent assignment.

Notwithstanding the preference of the right of the assignee, the debtor who did not receive notification of the assignment until he/she has lost the right to a court hearing to assert the existence of an assignment shall be free from his/her obligations to the extent proportionate to the compensation ordered by court.

bonne foi entre le cédant et le débiteur selon l'usage du commerce, prend effet à l'égard du cessionnaire.

Article 132: Protection du débiteur

Le débiteur a droit à une indemnisation raisonnable si la cession a produit des effets qui dépassent de loin ceux qui pourraient résulter du contrat.

Article 133: Créanciers du cédant

A moins que la loi n'en dispose autrement, les droits du cessionnaire prévalent sur le droit au patrimoine du cédant accordé par une décision judiciaire après cession, à moins que la cession ne soit sans effet, révocable ou annulable par le cédant, par la personne ayant obtenu le droit suite à une décision judiciaire ou en cas de cession frauduleuse.

Nonobstant le privilège du droit du cessionnaire, le débiteur qui n'a pas reçu notification de la cession jusqu'à la forclusion de son droit d'attaquer la cession en justice est libéré de ses obligations à concurrence de l'indemnisation prononcée par le juge.

Ingingo ya 134: Abeguriwe bakurikiranye n'uweguye uburenganzira umwe

Uretse iyo biteganyijwe n'itegeko mu bundi buryo, uburenganzira bw'uweguriwe wa mbere buza mbere y'ubw'uweguriwe ukurikiyeho iyo uweguye uburenganzira ari umwe n'uburenganzira ari bumwe, keretse iyo:

- 1° ihererekanya rya mbere ridafite agaciro, rishobora gusubirwaho cyangwa ryatashwa agaciro n'uweguye uburenganzira cyangwa uweguriwe uburenganzira ukurikiraho;
- 2° uweguriwe uburenganzira ukurikiraho, nta buriganya kandi bigaragara ko atashoboye kumenya ihererekanya rya mbere, akaba yaratanze ingurane kandi yarishyuwe, yarabonye icyemezo cy'urukiko gitegeka ufite inshingano cyangwa yarakoranye n'ufite inshingano andi masezerano.

UMUTWE WA VII: INZIRA ZO KURENGANURWA

Icyiciro cya mbere: Impamvu

Ingingo ya 135: Inyungu zirengerwa

Inyungu z'uwahawe isezeranya zitangirwa indishyi ni izi zikurikira:

- 1° inyungu yari itegerejwe, ari yo nyungu yo kubona urwunguko ruturuka ku masezerano nk'uko yayiteganyaga iyo amasezerano aza kubahirizwa;
- 2° inyungu ku birebana n'icyizere, ari yo

Article 134: Successive assignees from the same assignor

Unless otherwise provided by Law, the rights of the first assignee shall have preference over that of a subsequent assignee of the same rights from the same assignor, unless:

- 1° the first assignment is ineffective, revocable or liable to annulment by the assignor or by the subsequent assignee;
- 2° the subsequent assignee, in good faith and without knowledge of the prior assignment, has given consideration and has obtained payment, judgment against the debtor or has entered into a new contract with the debtor.

CHAPTER VII: PROCEDURE OF REMEDY

Section One: Purpose

Article 135: Protected interests

Interests of the promisee which give right to a compensation are the following:

- 1° the expected interest which is the interest in getting the benefit from the contract as he/she expected if the contract had been performed;
- 2° reliance interest which is the interest to be

Article 134: Cessionnaires successifs d'un même cédant

A moins que la loi n'en dispose autrement, les droits du premier cessionnaire prévalent sur ceux du cessionnaire ultérieur des mêmes droits par le même cédant, sauf si:

- 1° la première cession est sans effet, révocable ou annulable par le cédant ou par le cessionnaire ultérieur;
- 2° le cessionnaire ultérieur, de bonne foi et sans avoir eu connaissance de la cession antérieure, a fourni une contrepartie et a obtenu le paiement, une décision judiciaire contre le débiteur ou a conclu un nouveau contrat avec le débiteur.

CHAPITRE VII: PROCEDURE DE REPARATION

Section première: Objet

Article 135: Intérêts protégés

Les intérêts du bénéficiaire de la promesse donnant droit à l'indemnisation sont les suivants:

- 1° intérêt attendu qui est l'intérêt à tirer profit du contrat tel qu'il l'escomptait si le contrat avait été exécuté ;
- 2° intérêt de confiance qui est l'intérêt à

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

nyungu yo gusubizwa mu mwanya yari kuba arimo iyo ataza kwizera amasezerano;

restored to the position in which he/she would have been if he/she had not relied on the contract;

être restauré dans la situation où il serait s'il n'avait pas compté sur le contrat;

3° inyungu yo gusubizwa ibyo yatakaje, ari yo nyungu yo gusubizwa ibyo yahaye urundi ruhanda byose.

3° restitution interest, which is the interest in recovering any benefit that he/she has conferred on the other party.

3° intérêt de restitution qui est l'intérêt à reprendre tout profit qu'il a accordé à l'autre partie.

Ingingo ya 136: Indishyi zishobora gutegekwa n'inkiko

Article 136: Judicial remedies

Article 136: Réparations judiciaires

Indishyi zishobora gutegekwa n'inkiko mu rwego rwo kurengera inyungu zirimo ibi bikurikira:

Possible judicial remedies for the protection of the interests include the following:

Les réparations judiciaires qui peuvent être accordées pour la protection des intérêts sont les suivantes:

1° gutanga umubare w'amafaranga ateganywa mu masezerano cyangwa indishyi;

1° award of a sum of money due under the contract or damages;

1° octroi d'une somme d'argent prévue par le contrat ou les dommages-intérêts;

2° gutegeka cyangwa kubuza gukora igikorwa runaka;

2° ordering or prohibiting a specific performance;

2° ordonner ou interdire une prestation déterminée ;

3° gutegeka gusubiza ikintu runaka kugira ngo hatabaho ukwikungahaza mu buryo budakwiye;

3° ordering return of a specific thing to prevent unjust enrichment;

3° ordonner la restitution d'une chose déterminée pour empêcher l'enrichissement sans cause;

4° gutegeka gutanga umubare w'amafaranga mu kwirinda ko habaho ukwikungahaza mu buryo budakwiye;

4° ordering the award of a sum of money to prevent unjust enrichment;

4° ordonner l'octroi d'une somme d'argent pour empêcher l'enrichissement sans cause;

5° kugaragaza uburenganzira bw'abagiranye amasezerano;

5° declaring the rights of the parties;

5° déclarer les droits des parties ;

6° gushyira mu bikorwa icyemezo cy'ubukemurampaka.

6° enforcing an arbitration award.

6° exécuter une sentence arbitrale.

Icyiciro cya 2: Indishyi mu mafaranga

Ingingo ya 137: Indishyi zemewe

Uruhande rwarenganyijwe rufite uburenganzira bwo kubona indishyi zitanzwe n'urundi ruhande rutubahirije ibisabwa mu masezerano, keretse iyo ikirego kigamije kubona indishyi cyahagaritswe cyangwa cyaravuyeho.

Ingingo ya 138: Ibigenderwaho muri rusange mu kubara indishyi

Uruhande rurengana rufite uburenganzira ku ndishyi zishingiye ku nyungu rwateganyaga zibarwa hakurikijwe:

- 1° itakazagaciro ku ruhande rwarenganyijwe rishingiye ku byo urundi ruhande rwiyeje bitewe n'uko byabuze cyangwa se bidahagije;
- 2° ikindi gihombo cyose gitewe no kutubahiriza amasezerano, n'ikindi gihombo cyose cyashamikiraho;
- 3° ibyakorehwa byose cyangwa ikindi gihombo uruhande rutubahirije amasezerano rwirinze kubera kudakora igisabwa.

Ingingo ya 139: Indishyi zishingiye ku cyizere ko amasezerano azabaho

Uruhande rwarenganyijwe rufite uburenganzira ku

Section 2: Monetary compensation

Article 137: Lawful damages

The aggrieved party has right to damages from the party failing to perform his/her contractual obligations, unless the claim for damages has been suspended or withdrawn.

Article 138: General criteria for calculating damages

The aggrieved party has right to damages based on his/her expected interests calculated in accordance with:

- 1° the loss in the value by the aggrieved party, based on the other party's obligations caused by non performance or inadequacy;
- 2° any other loss caused by the breach of the contract, including any other incidental loss;
- 3° any cost or other loss that the breaching party has avoided by the non performance of his/her obligations.

Article 139: Damages based on reliance on the expected contract

The aggrieved party has right to damages based

Section 2: Indemnisation pécuniaire

Article 137: Dommages-intérêts licites

La partie lésée a droit à des dommages-intérêts à charge de la partie qui n'a pas exécuté ses obligations contractuelles à moins que la demande en dommages-intérêts ait été suspendue ou retirée.

Article 138: Critères généraux pour l'évaluation des dommages-intérêts

La partie lésée a droit aux dommages-intérêts basés sur les intérêts attendus qui sont évalués en fonction de:

- 1° la perte subie par la partie lésée sur la valeur de la prestation à fournir par l'autre partie, en raison de son inexécution ou de son insuffisance;
- 2° toute autre perte causée par la violation du contrat y compris toute autre perte accessoire;
- 3° tous les coûts ou autre perte que la partie défaillante a évités par la non exécution de ses obligations.

Article 139: Dommages-intérêts basés sur l'attente du contrat

La partie lésée a droit aux dommages-intérêts sur

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

ndishyi zishingiye ku cyizere ko amasezerano azabaho, zikubiyemo ibyakoreshejwe mu gutegura no mu gushyira mu bikorwa amasezerano, ukuyemo ibyo uruhande rwishe amasezerano rugaragaje ko n'ubundi bitari kubaho n'iyo amasezerano aza gushyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 140: Ikurwaho ry'indishyi mu gihe bishoboka kwirinda igihombo

Nta ndishyi zishobora gutangwa mu gihe uwatewe igihombo yashoboraga kucyirinda nta zindi ngaruka, umutwaro cyangwa igisebo bimuteye.

Ibivugwa mu gika kibanziriza iki ntibibuzura uruhande rwarenganyijwe kuba rwabona indishyi mu gihe rwakoze ibishoboka byose kugira ngo rwirinde igihombo.

Ingingo ya 141: Ibyabaye bitashoboraga guteganywa bikuraho cyangwa bigabanya indishyi

Nta ndishyi zishobora gutangwa biturutse ku gihombo uwishe amasezerano atashoboraga guteganywa mu gihe ayo masezerano yakorwaga, ko kizaba inkurikizi zo kutayubahiriza.

Igihombo gishobora guteganywa nk'icyaturuka ku kwica amasezerano kuko byumvikana ko gitewe no kutubahiriza amasezerano ukurikije uko ibintu

on his/her reliance on the expected contract, including expenditures made in preparation and performance of the contract, deducting any loss that the party in breach can prove that the aggrieved party would have suffered even if the contract had been performed.

Article 140: Cancellation of damages in case the loss may be avoided

Damages shall not be granted for loss that the aggrieved party could have avoided without undue risk, burden or humiliation.

Provisions of the preceding paragraph shall not preclude the aggrieved party from receiving damages in case he/she has made reasonable efforts to avoid loss.

Article 141: Unforeseen events cancelling or limiting damages

Damages shall not be granted for loss that the party in breach did not have reason to foresee as a probable result of such breach when the contract was made.

Loss may be foreseeable as a result of breach of the contract because it originates from the breach in the ordinary course of events; or as a result of

base de l'attente de la formation du contrat, y compris les dépenses faites pour la préparation et l'exécution du contrat, déduction faite de toute perte que la partie défaillante peut prouver que la partie lésée aurait subie même si le contrat avait été exécuté.

Article 140: Annulation des dommages-intérêts dans le cas où une perte peut être évitée

Aucuns dommages-intérêts ne peuvent être accordés pour une perte que la partie lésée aurait pu éviter sans risque, charge ni humiliation.

Les dispositions de l'alinéa précédent ne privent pas la partie lésée du droit aux dommages-intérêts dans la mesure où elle a fourni tous les efforts pour éviter la perte.

Article 141: Faits imprévus annulant ou limitant les dommages-intérêts

Aucuns dommages-intérêts ne peuvent être accordés pour une perte que la partie responsable de la violation du contrat n'avait pas raison de prévoir comme conséquence de cette violation au moment de la formation du contrat.

Une perte peut être prévisible comme une conséquence de la violation du contrat parce qu'elle résulte de la violation du contrat

bigenda bihererekanya cyangwa kubera ko habaye ibintu bidasanze urundi ruhande rwagombye kuba rwaramenye.

special circumstances that the party in breach should have known.

suisant le cours normal des événements ou parce qu'il y a eu des circonstances particulières que l'autre partie aurait dû connaître.

Ingingo ya 142: Ukudashidikanya ku ndishyi

Article 142: Certainty on damages

Article 142: Certitude à l'égard des dommages-intérêts

Nta ndishyi zishobora gutangwa ku gihombo kiri hejuru y'icyo uruhande rwarenganyijwe rushobora kugaragaza nta gushidikanya.

Damages shall not be granted for loss greater than what the aggrieved party can establish with certainty.

Aucuns dommages-intérêts ne peuvent être accordés pour une perte supérieure à celle que la partie lésée peut prouver avec certitude.

Ingingo ya 143: Igihombo kigaragarira mu ihungabana

Article 143: Moral loss

Article 143: Préjudice moral

Nta ndishyi zituruka ku ihungabana zishobora gutangwa, keretse gusa iyo kwica amasezerano byateye ubusembwa ku mubiri cyangwa amasezerano uko ateye cyangwa uburyo yishwe ari byo byateye iryo hungabana.

Damages for moral loss shall not be granted unless if and only if the breach of the contract caused bodily harm or when the nature of the contract or the breach thereof was the cause of that moral loss.

Les dommages-intérêts pour préjudice moral ne sont pas accordés sauf si et seulement si la violation du contrat a causé un préjudice corporel ou que la nature du contrat ou de sa violation est la cause de ce préjudice moral.

Ingingo ya 144: Gutanga inyungu mu mwanya w'indishyi

Article 144: Granting interests in lieu of damages

Article 144: Octroi d'intérêts à la place de dommages-intérêts

Iyo kwica amasezerano birebana no kutishyura amafaranga cyangwa kudakora igisabwa gishobora kubarwa mu mafaranga azwi cyangwa ashobora kumenyekana, inyungu zibarwa uherye igihe igisabwa cyagombaga gukorwa hakuwemo ibyo uruhande rwishe amasezerano rufiteho uburenganzira.

If the breach of the contract consists of a failure to pay a sum of money or to render a performance with fixed or ascertainable monetary value, interests are calculated from the time for performance was due less all deductions to which the party in breach is entitled.

Si la violation du contrat consiste dans le non paiement d'une somme d'argent ou la non-exécution d'une obligation ayant une valeur monétaire déterminée ou déterminable, les intérêts sont calculés à partir de la date à laquelle l'exécution était due, déduction faite de tous les montants auxquels la partie défaillante a droit.

Ingingo ya 145: Indishyi zihana

Nta ndishyi zihana zishobora gutangwa kubera kwica amasezerano, keretse gusa mu gihe iyo myitwarire yavuyemo kwica amasezerano ari icyaha urega ashobora gusabira indishyi nk'igihano.

Ingingo ya 146: Indishyi ziteganywa mu masezerano

Indishyi zituruka ku kwica amasezerano zishobora guteganywa mu masezerano ariko hakagenwa umubare ukwiye ugendeye ku gihombo nyakuri kiriho cyangwa cyiteguwe ko cyabaho mu gihe amasezerano atubahirijwe cyangwa mu gihe cy'ingorane zo kubona ibimenyetso by'igihombo.

Ingingo yo mu masezerano igena indishyi z'ikirenga ntiyubahirizwa kuko, kubera impamvu ndemyagihugu, ifatwa nk'igihano.

Icyiciro cya 3: Ubundi buryo bwo kurenganurwa

Ingingo ya 147: Gutegeka cyangwa kubuza igikorwa runaka

Urukiko rushobora gutegeka uruhande rutubahirije cyangwa rugiyeye kwica amasezerano gukora igisabwa mu masezerano.

Urukiko rushobora kubuza gukora ikintu cyangwa

Article 145: Punitive damages

Punitive damages shall not be granted for a breach of the contract unless if and only if the conduct constituting the breach is an offence for which the plaintiff may request damages as sanction.

Article 146: Damages provided for in the contract

Damages for breach of the contract may be provided for in the contract but at a reasonable amount based on the actual loss or potential loss to occur in case of breach of the contract or in case of difficulty in providing evidence of the loss.

A clause of the contract fixing excessive damages shall be unenforceable because of public order it is considered as a penalty.

Section 3: Other remedies

Article 147: Ordering or prohibiting a specific performance

The court may order a party who has breached or is about to breach the contract to perform contractual obligations.

The court may prohibit or order a party who has

Article 145: Dommages-intérêts punitifs

Aucuns dommages-intérêts punitifs ne peuvent être accordés en cas de violation d'un contrat, sauf si et seulement si le comportement constituant la violation est une infraction pour laquelle le demandeur peut réclamer des dommages-intérêts comme sanction.

Article 146: Dommages-intérêts prévus dans le contrat

Les dommages-intérêts pour violation du contrat peuvent être prévus dans le contrat mais à un montant raisonnable à la lumière de la perte réelle ou éventuelle en cas de violation du contrat ou en cas de difficultés de prouver la perte.

Une clause du contrat fixant des dommages-intérêts excessivement élevés est inexécutoire car, pour des raisons d'ordre public, elle est considérée comme une pénalité.

Section 3 : Autres moyens de reparation

Article 147: Ordonner ou interdire une prestation déterminée

La juridiction peut ordonner à la partie qui a violé ou qui est sur le point de violer le contrat d'exécuter les obligations contractuelles.

La juridiction peut interdire ou ordonner à la

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

gutegeka kugikora uruhande rutubahirije amasezerano cyangwa rugiyeye kuyica icyo:

- 1° inshingano yagombaga kubahirizwa ari icyo kudakora ikintu;
- 2° ari amasezerano yo gukora ikintu kandi kuyubahiriza usubiza ikintu ubwacyo bikaba bidashoboka kuko hari impamvu zituma hatagira ibitegekwa gukorwa.

breached or is about to breach the contract to perform a specific obligation if:

- 1° the contractual obligation is one of not performing;
- 2° the contractual obligation is one to perform and specific performance would be impossible for reasons that are inapplicable to an injunction.

partie qui a violé ou qui est sur le point de violer le contrat d'exécuter une obligation spécifique si :

- 1° l'obligation contractuelle est celle de ne pas faire ;
- 2° il s'agit d'une obligation de faire et que l'exécution en nature s'avère impossible pour des raisons non applicables à une injonction.

Ingingo ya 148: Imiterere y'icyemezo cy'indishyi

Icyemezo gitegeka cyangwa kibuza gukora gitangwa ku buryo icyari kigamijwe mu masezerano kigerwaho kandi hakabaho kurenganurwa. Si ngombwa ko igitegetswe kiba kimwe n'igiteganyijwe mu masezerano.

Iyo habayeho guhakana ko igitegetswe cyangwa ikibujijwe bitarangije inshingano zose zituruka ku masezerano, bigumana agaciro ku gice kitariho impaka.

Hejuru yo gutegeka gukora cyangwa kibuza gukora igikorwa runaka, urukiko rushobora gutanga indishyi, ndetse rugatanga n'indishyi ku busembwa bwazagaragara nyuma.

Article 148: Form of the order relating to the damages

The order of performance or prohibiting a performance shall be drawn in such a way to effectuate the purpose for which the contract was made and on such terms as justice requires. The performance ordered does not need to be identical with that due under the contract.

If the ordered or prohibited performance is denied on grounds that all contractual obligations were not performed, such a decision shall remain valid for the non contested part of the obligations.

In addition to ordering or prohibiting a specific performance, the court may award damages and remedies against future harm.

Article 148: Forme d'une décision ordonnant les dommages et intérêts

La décision ordonnant ou interdisant de faire doit être formulée de façon à ce que l'objet du contrat soit réalisé et selon les exigences de la justice. La prestation ordonnée ne doit pas être nécessairement identique à celle prévue par le contrat.

Si la prestation ordonnée ou interdite est contestée en raison de ce qu'elle ne couvre pas toutes les obligations contractuelles, elle reste valide pour la partie des obligations non contestée.

En plus de la décision ordonnant l'exécution ou interdisant une prestation donnée, la juridiction peut octroyer des dommages-intérêts et réparation pour un préjudice futur.

Ingingo ya 149: Inkurikizi z'uko indishyi ari zo zikwiye

Gutegekwa gukora cyangwa kubuza gukora igikorwa ntibishoboka igihe cyose indishyi ari zo zikwiye kurengera inyungu uruhande rwereganyeye rutegereje.

Ingingo ya 150: Ibintu bigaragaza ko indishyi ari zo zikwiye

Mu kugena ko indishyi ari zo zikwiye, ibintu bikurikira byitabwaho:

- 1° ingorane mu kugaragaza ibimenyetso by'indishyi ku buryo budashidikanywaho kandi buhagije;
- 2° ingorane mu gusimbuza amafaranga icyo umuntu yasezeranyije gukora;
- 3° amahirwe cyangwa ingorane z'uko indishyi ziboneka.

Ingingo ya 151: Inkurikizi z'ingingo zerekeye indishyi zagenwe mu masezerano

Gutegeka gukora cyangwa kubuza gukora ikintu runaka bishobora kwemezwa n'iyi haba hariho ingingo z'amasezerano ziteganyaye indishyi.

Article 149: Effects of adequacy of damages

Ordering or prohibiting a performance shall not apply if damages would be adequate to protect the expected interests of the aggrieved party.

Article 150: Factors determining adequacy of damages

In determining whether the remedy in damages is adequate, the following circumstances shall be taken into account:

- 1° the difficulty of providing evidence on damages with reasonable certainty;
- 2° the difficulty of substituting a contractual obligation by an amount of money;
- 3° the likelihood or difficulty to receive damages.

Article 151: Effects of a contractual provision determining damages

Ordering or prohibiting a specific performance may apply even though there are contractual provisions determining damages.

Article 149: Effets des dommages-intérêts adéquats

Ordonner ou interdire une prestation n'est pas applicable si les dommages-intérêts sont adéquats pour protéger les intérêts attendus par la partie lésée.

Article 150: Facteurs déterminant que les dommages-intérêts sont adéquats

Pour déterminer si c'est une réparation en dommages-intérêts qui est adéquate, les circonstances suivantes sont prises en compte:

- 1° la difficulté de fournir les preuves sur les dommages-intérêts avec une certitude suffisante;
- 2° la difficulté de substituer une obligation contractuelle par une somme d'argent;
- 3° la probabilité ou la difficulté d'obtenir les dommages-intérêts.

Article 151: Effets d'une disposition du contrat fixant les dommages-intérêts

Ordonner ou interdire une prestation donnée peut être valable même s'il existe des dispositions du contrat fixant des dommages-intérêts.

Ingingo ya 152: Ingaruka z’ugushidikanya ku ngingo z’amasezerano

Gutegeka igikorwa cyangwa kubuza igikorwa ntibishoboka keretse ingingo z’amasezerano zisobanutse mu buryo budashidikanwaho kugira ngo icyemezo gikwiye kigire icyo gishingiraho.

Ingingo ya 153: Inkurikizi zo kwica amasezerano bikozwe n’uruhande rusaba kurenganurwa

Gutegeka cyangwa kubuza gukora ikintu runaka bishobora kwemezwa kabone n’ubwo byaba bisabwe n’uruhande rutubahirije amasezerano, keretse rwarishe amasezerano ku buryo bukabije bikaburizamo inshingano zisigaye z’urundi ruhande.

Icyiciro cya 4: Kugarura ibyatanzwe

Ingingo ya 154: Kugaruza inyungu urundi ruhande rwabonye

Uruhande rufite uburenganzira bwo gusubizwa icyo rwatanze mu gihe cyose bigaragaye ko byagiriye inyungu urundi ruhande.

Ingingo ya 155: Igenagaciro ry’ibisubizwa

Iyo ari amafaranga agenwe nk’agaciro k’ibyatanzwe byagiriye inyungu urundi ruhande, ayo mafaranga abarwa hakurikijwe ibi bikurikira:

1° agaciro gakwiye k’ibyo urundi ruhande

Article 152: Effects of uncertainty of terms of the contract

Ordering or prohibiting a specific performance shall not apply unless the terms of the contract are sufficiently certain to provide a basis for an appropriate order.

Article 153: Effects of the breach of the contract by the party seeking remedy

Ordering or prohibiting a specific performance may apply even when requested by the breaching party, unless the breach is serious enough to extinguish the other party's remaining obligations.

Section 4: Restitution

Article 154: Restitution of benefits gained by the other party

A party is entitled to restitution if his/her performance has conferred a benefit on the other party.

Article 155: Measure of restitution

If a sum of money is determined as benefit gained by the other party as result of the performance, such amount shall be calculated based on the following:

1° the reasonable value of what the other

Article 152: Effets de l’incertitude des termes du contrat

Ordonner ou interdire une prestation donnée ne peut pas être valable à moins que les termes du contrat ne soient suffisamment certains pour être la base d’une décision appropriée.

Article 153: Effets de la violation du contrat par la partie demandant la réparation

Ordonner ou interdire une prestation donnée peut être valable même sur demande de la partie ayant violé le contrat, à moins que la violation ne soit suffisamment grave pour éteindre les obligations restantes de l’autre partie.

Section 4 : Restitution

Article 154: Restitution des bénéfices obtenus par l’autre partie

Une partie a droit à la restitution des prestations faites s’il s’avère que l’autre partie en a tiré profit.

Article 155: Evaluation de la restitution

Si une somme d’argent est fixée comme bénéfice obtenu par l’autre partie suite à la prestation, cette somme est calculée sur base de :

1° la valeur raisonnable de ce que l’autre

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

rwabonye hashingiwe ku cyo rwari gutanga kugira ngo rubibone ku wundi muntu uri mu mwanya nk'uw'usaba gusubizwa ibye;

2° uburyo umutungo w'urundi ruhande wongereye agaciro cyangwa izindi nyungu yaba yarakuyemo.

Ingingo ya 156: Ugusubizwa ibyatanzwe iyo amasezerano ashobora guteshwa agaciro

Uruhande rwasabye gutesha agaciro amasezerano rufite uburenganzira bwo gusubizwa inyungu zose urundi ruhande rwabonye.

Icyiciro cya 5: Aho uburenganzira bwo kurenganurwa bugarukira

Ingingo ya 157: Guhitamo uburyo bwo kurenganurwa

Iyo uruhande rumwe rufite inzira nyinshi zo kurenganurwa, rugahitamo uburyo bumwe mu gutanga ikirego ntibibuza ko n'ubundi buryo bwakoresheya, keretse iyo ubwo buryo bwombi butajyanye.

Ingingo ya 158: Ifatira mu gihe hari uruhande rwanze gusubiza ibyo rwakiriye

Iyo uruhande rumwe rwanze gusubiza ibyo rwakiriye rubisabwe n'urundi ruhande rusaba ko amasezerano yatashyirwa agaciro kandi rufite uburenganzira bwo gusubizwa ibyo rwatanze, nyuma y'igihe gikwiye, urwo ruhande rusaba

party received in terms of what it would have cost him/her to obtain it from another person in the claimant's position;

2° the extent to which the other party's property has been increased in value or other benefits he/she may have obtained.

Article 156: Restitution when the contract is liable to annulment

The party which has requested annulment of the contract is entitled to restitution for any benefit gained by the other party.

Section 5: Limitations upon Remedies

Article 157: Choice of remedies

If a party is entitled to several remedies, the choice of one of them in bringing suit is not an obstacle to the pursuit of other remedies unless they are incompatible.

Article 158: Seizure in case of non- restitution

If a party refuses to return what he/she has received upon request of the other party seeking annulment of the contract and having right on restitution, that party seeking annulment may, after a reasonable time, request order to seize

partie a reçu sur base de ce que cela lui aurait coûté pour l'obtenir d'une autre personne placée dans la position du demandeur ;

2° le niveau d'accroissement de la valeur du patrimoine de l'autre partie ou tous les autres bénéfices qu'elle aurait obtenus.

Article 156 : Restitution lorsque le contrat est annulable

La partie qui a demandé l'annulation du contrat a droit à la restitution de tous les bénéfices que l'autre partie a obtenus.

Section 5 : Limites à la réparation

Article 157: Choix des voies de réparation

Si une partie a droit à plusieurs voies de réparation, le choix de l'une de ces voies dans sa demande en justice ne fait pas obstacle aux autres voies de réparation à moins que celles-ci ne soient incompatibles.

Article 158: Saisie en cas de non- restitution

Si une partie refuse de restituer les prestations fournies par l'autre partie demandant l'annulation du contrat et ayant droit à la restitution, cette partie demanderesse peut, après un délai raisonnable, demander

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

gutesha agaciro amasezerano rushobora gusaba uburenganzira bwo gufatira umutungo urundi ruhande rwakiriye rukawugurisha kugira ngo rwiyishyure.

Ingingo ya 159: Gutakaza ububasha bwo gutesha agaciro amasezerano bitewe no gutinda

Ububasha bw'uruhande rumwe bwo gutesha agaciro amasezerano butakara iyo, nyuma y'uko ibyatumaga amasezerano ashobora guteshwa agaciro byavuyeho, rutagaragarije urundi ruhande mu gihe gikwiye ubushake bwarwo bwo gutesha agaciro amasezerano.

Ububasha bwo gutesha agaciro amasezerano kubera kugaragaza ibintu uko bitari cyangwa kwibeshya buratakara iyo, nyuma y'igihe gikwiye rumaze kumenya ibyabaye rutagaragaje ubushake bwarwo bwo gutesha agaciro amasezerano.

Ububasha bw'uruhande bwo gutesha agaciro amasezerano bitewe no kugaragaza ibintu uko bitari nta buriganya cyangwa kwibeshya, buratakara iyo igice kinini cy'amasezerano cyageze kure gishyirwa mu bikorwa cyangwa iyo ibintu byahindutse ku buryo iseswa ryatera akarengane. icyo gihe indishyi ni zo zikwiye.

Ingingo ya 160: Ibigenderwaho mu kumenya igihe gikwiye

Kugira ngo hagenwe igihe gikwiye, hitabwa kuri ibi

what the other party has received and sell as a remedy.

Article 159: Loss of power of annulment of the contract due to delay

The power of a party to void the contract shall be lost if after the circumstances that made it liable to annulment have ceased to exist, he/she does not within a reasonable time manifest to the other party his/her intention to void the contract.

The power to void the contract for misrepresentation or mistake shall be lost if, within a reasonable time after he/she knew the existence of such a fact, he/she does not manifest to the other party his/her intention to void the contract.

The power of a party to void the contract for non-fraudulent misrepresentation or mistake shall be lost if the great part of the contract has been so far performed or the circumstances have so changed that annulment would be unfair. In that case, compensation shall be the adequate solution.

Article 160: Criteria for determining reasonable time

In determining reasonable time, the following

l'autorisation de saisir ce que l'autre partie a reçu et le vendre pour sa réparation.

Article 159: Perte du pouvoir d'annulation du contrat suite au retard

Le pouvoir d'une partie d'annuler le contrat est perdu si, après que les circonstances qui rendaient le contrat annulable ont cessé d'exister, elle n'a pas manifesté à l'autre partie dans un délai raisonnable son intention d'annuler le contrat.

Le pouvoir d'une partie d'annuler le contrat pour représentation inexacte des faits ou erreur est perdu si, dans un délai raisonnable après qu'elle ait connu l'existence d'une telle situation, elle n'a pas manifesté à l'autre partie son intention d'annuler le contrat.

Le pouvoir d'une partie d'annuler le contrat pour une représentation inexacte non frauduleuse des faits ou une erreur est perdu si une grande partie du contrat a été exécutée ou si les circonstances ont changé à tel point que l'annulation serait injuste. Dans ce cas, l'indemnisation constitue une solution adéquate.

Article 160: Critères déterminant le délai raisonnable

Pour déterminer le délai raisonnable, les

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

bikurikira:

- 1° niba ubukerererwe bw'uruhande rwashoboraga gutesha agaciro amasezerano bwaratumye hari inyungu rubona, urundi ruhande rubihomberamo;
- 2° niba ubwo bukererewe bwaratumye urundi ruhande cyangwa abandi bantu hari ibyo bakora bizeye ko amasezerano azashyirwa mu bikorwa;
- 3° niba impamvu ituma habaho iseswa rw'amasezerano ituruka ku ikosa ry'uruhande mu masezerano, urwo ari rwo rwose;
- 4° niba urundi ruhande rwaragize uruhare muri ubwo bukererewe.

Ingingo ya 161: Inkurikizi z'ububasha bwo gusesa amasezerano

Nta ruhande ruba rutegetswe gukora ibisabwa iyo rugifite ububasha bwo gutesha agaciro amasezerano, keretse mu gihe gusaba gusubiza ibyo rwakorewe ari inkomyi yo gutesha agaciro amasezerano.

Iyo gusubiza ibyakiriwe mbere yo gutesha agaciro amasezerano bikozwe, nta zindi ndishyi zisabwa.

criteria shall be taken into account:

- 1° if the delay of the party with the power of annulment of the contract has enabled him/her to get benefits to the detriment of the other party;
- 2° if the delay resulted in some acts performed by the other party or third persons in reliance on the performance of the contract ;
- 3° if the ground for annulment of the contract was the result of any fault by either party;
- 4° if the other party has responsibility for the delay.

Article 161: Effects of power of invalidation of the contract

A party has no obligation of performance when his/her power of annulment of the contract is still valid, unless a request for restitution of performance received is a condition of annulment of contract.

If restitution of performance received is made before the annulment of the contract, no other damages shall be requested.

critères suivants sont pris en compte :

- 1° si le retard de la partie ayant le pouvoir d'annulation du contrat lui a permis de se procurer des profits au détriment de l'autre partie ;
- 2° si le retard a causé l'accomplissement de certains actes par l'autre partie ou des tiers espérant que le contrat serait exécuté;
- 3° si la cause de l'annulation du contrat résulte d'une faute de l'une ou l'autre partie ;
- 4° si l'autre partie a une part de responsabilité dans ce retard.

Article 161: Effet du pouvoir d'annulation du contrat

Aucune partie n'a l'obligation d'exécution tant que son pouvoir d'annulation du contrat existe, à moins qu'une demande de restitution des prestations reçues ne soit une condition d'annulation du contrat.

Si la restitution est faite avant l'annulation du contrat, il n'y a pas lieu à d'autres dommages-intérêts.

**UMUTWE WA VIII: INGINGO
Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

Ingingo ya 162: Ingingo y'inzibacyuho

Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano rikomeza gukurikizwa ku bijyanye n'inshingano zidashingiye ku masezerano, amasezerano yihariye, uburyozwe bw'amakosa, ubuzime, mu gihe amategeko yihariye abigenga atarashyirwaho.

Ingingo ya 163: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 164: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Interuro ya mbere y'Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 165: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**CHAPTER VIII : TRANSITIONAL AND
FINAL PROVISIONS**

Article 162: Transitional provision

The Decree of 30/07/1888 on contracts or conventional obligations shall remain effective for no contractual obligations, special contracts, civil liabilities, limitations, until the publication of specific laws governing those matters.

Article 163: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 164: Repealing provision

Title One of the Decree of 30/07/ 1888 relating to contracts or conventional obligations and all prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 165: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS
TRANSITOIRE ET FINALES**

Article 162 : Disposition transitoire

Le Décret du 30/07/1888 sur des contrats ou des obligations conventionnelles reste applicable en ce qui concerne les engagements qui se forment sans convention, les contrats spéciaux, les responsabilités civiles, la prescription tant que les lois respectives régissant ces matières ne sont pas encore publiées.

Article 163: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 164: Disposition abrogatoire

Le titre premier du Décret du 30/07/1888 sur des contrats ou des obligations conventionnelles et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 165: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 04bis of 23/01/2012

Kigali, kuwa 25/11/2011

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, le 25/11/2011

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Kigali, le 25/11/2011

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux